**INTARA Y'IBURASIRAZUBA** **Ku wa ...../WERURWE/2024**

**AKARERE KA BUGESERA**

**UMWAKA WA GATANDATU (P6)** **Amanota :...../50**

**IGIHE KIMARA: Amasaha 2**

**AMAZINA Y'UMUNYESHURI: .....**

**ISHURI: P6.....**

**IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA CY'AKARERE GISOZA IGIHEMBWE CYA KABIRI AMASHURI ABANZA 2023-2024**

**AMABWIRIZA:**

1. **Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye ku mapaji yose.**
2. **Ikizamini kigizwe n'ibice bine:**

   **-Igice cya mbere: kumva umwandiko no gusesengura umwandiko(amanota15)**

   **-Igice cya kabiri: ikibonezamvugo(amanota 10)**

   **-Igice cya gatatu: ubumenyi rusange bw'ururimi(amanota 15)**

   **-Igice cya kane: ihinamwandiko(amanota 10)**
3. **Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.**
4. **Irinde gusiribanga no guhindagura ibisubizo byawe.**
5. **Koresha gusa ikaramu y'ubururu cyangwa ikaramu y'umukara**.

UMWANDIKO : **KURWANYA ISURI**

Ubutaka bwacu burushaho kugunduka ku buryo abahinzi bahinga ntibeze nk'uko kera byahoze . Kugunduka k'ubutaka guterwa n'uko amazi y'imvura agenda atwara ubutaka bwiza bworoshye kandi bwera . Haramutse hadafashwe ingamba zo kurinda ubwo butaka ,isuri yadusiga iheruheru ntituzongere kweza , amasambuyacu akaba nk'ubutayu . Tugomba kwihatira kurwanya isuri kuko ari yo ituma ubutaka bugunduka ndetse tukihatira no gufumbira dukoresha ifumbire y,imborera n,ifumbire mvaruganda.

Nitwe dufite inshingano zo gufata neza ubutaka bwacu tuburinda kwangirika kugira ngo buduhe umusaruro ukenewe . Kudakora inshingano zacu ni amakosa kandi bidufiteho ingaruka zikomeye . kurumbya kubera ko ubutaka bwagundutse , biduhoza mu nzara z,akanda , mu bukene , mu bibazo by,ubushyamirane kubera ko abasangira ubusa bitana ibisambo.

Hakwiye rero gufatwa ingamba . Ingamba ya mbere ni uguca imiringoti ahantu hahanamye naho ahadahanamye cyane tukahaca amaterasi y,indinganire . Icyakabiri ni ugutera ibyatsi bifata ubutaka ndetse n,ibiti bituma ubutaka butagunduka . Icya gatatu ni ugufata neza amazi yose y,imvuraducukura ibyobo hafi y,amazu tuka yayoboramo. Ayo mazi ashobora no kwifashishwa mu kuhira imyaka mu gihe cy,izuba . Mbese kuki abatuye mu

butayu badataka inzara , twe tubona imvura igihe kinini tugahorana ibibazo by,inzara ? Ibikorwa byo kubunga bunga ubutaka ntibisaba ubuhanga buhambaye cyane . Ahubwo bisaba ubushake , umuhate n,ishyaka rya buriwese.

Gucukura imiringoti ni igikorwa cyoroshye cyane gikorwa n,umuntu ku giti ke akurikije uko ahinga isambu ye, akagenda ashyiramo inking ziringaniye kandi zingana . Guca amaterasi y,indinganire byo bisaba kwiyambaza inzobere .Ushinzwe ubuhinzi mu kagari cyangwa mu murenge yabidufashamo . Naho ibyo gutera ibyatsi n,ibiti birwanya isuri ntabuhanga bisaba . Gucukura ibyobo bifata amazi ni igikorwa cyoroshye cyane kuko dusanzwe twicukurira imisarane n,ibindi.

Ku misozi ihanamye ho hakwiye guterwa amashyamba na yo adufasha kurwanya isuri . Ni ngombwa gucukuramo imiringoti igabanya umuvuduko w,amazi kandi bigatuma amazi arekamo akoreshwa n,ibiti kuko biba biyakeneye cyane . Isuri rero dukwiye kuyirwanya dushyizeho umwete kuko iri mu bintu byangiza ibidukikije itwara ubutaka , isenya amazu ndetse itaretse n,ubuzima bw,abantu.Kubungabunga ibidukikije ni ubundi buryo bwo kubunga bunga ubuzima bwacu.

IGICE CYA MBERE:**IBIBAZO BYO KUMVA UMWANDIKO**/Amanota 15

1. a. Mu mwandiko barasobanura ko igunduka ry'ubutaka riterwa n'iki? / 2

……
……
……

b. Ni izihe ngamba zitangwa mu mwandiko zafasha mu kurwanya isuri? / 2

……
……
……

2. Ni izihe ngaruka zituruka ku kutita ku bikorwa byo kurwanya isuri? / 2

……
……
……
……

3.Ni ibihe bikorwa bivugwa mu mwandiko umuntu kugiti ke yakwikorera mu kurwanya isuri? /2

……
……
……

4.Impuguke zo zafasha gute mu rwego rwo kurwanya isuri yangiza ibidukikije? / 2

……
……
……

5 . INYUNGURAMAGAMBO

Kora interuro zawe ebyiri ukoresheje aya magambo yo mu mwandiko:/ amanota 2

ingamba , iheruheru

I. Ingamba:
……

II . Iheruheru :
……

III. Curukura aya magambo maze ukore interuro nzima .

kugira ngo – umusaruro – dukwiye – mwiza – mvaruganda –ifumbire – gukoresha – n' –iy' – imborera – umusaruro – tubone / Amanota 3

……
……
……

IGICE CYA KABIRI: **IKIBONEZAMVUGO / Amanota 10**

6 . vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro Amanota/Amanota 3

a. Uriya mwana we arakora iki hariya ?

Uriya:……

We :……

b. Mbega ngo rwa semuhanuka ruritwara nabi !

Ngo :……

Rwa: ……

c. Muri aba bana uwawe ni uwuhe ?

Abana : ……

Uwuhe: ……

7. HINDURA IYI NTERURO MU BINDI BIHE BIKURU BY'INSHINGA /Amanota 2

Abahinzi bazahinga ibigori by'indobanure

a)……

b)……

8. Tanga amazina aturuka kuri izi nshinga / Amanota 2

A, guhinga : …… ……

b, kurya : ……

c,kurasa ( ku izuba) : ……

D, gufumbira : ……

9. Andika impuzanyito z'aya magambo/Amanota 3

a, umusaza =..... .....

b, ikibondo = ..... .....

c, impyisi = .....

IGICE CYA GATATU: **UBUMENYIRUSANGE BW'URURIMI** /Amanota 15

10. Huza izi nshoberamahanga n'ibisobanuro byazo ukoresheje AKAMBI → /Amanota5

| | |
|---|---|
| 1. kwica isari | a. kurara utariye |
| 2. guta inyuma ya Huye | b. gucumbagira |
| 3. gushira isoni | c. kurya ibiryo bidahagije |
| 4. kurara ubusa | d. kutagira icyo wubaha |
| 5. gutera isekuru | e. kubwira utakumva |

11. UZUZA IYI MIGANI Y'IMIGENURANO / Amanota 2

A, uwavuga ay' .....ubuki ntibwaribwa

B, ukurusha ..... aba akurusha umugore

C, ubuze ay' iburyo akama ay'.....

D, uwambaye ikirezi .....

E, umwana murizi .....

12. sakwe sakwe !! soma !! /Amanota 2

a. ngeze mu ishyamba rirahubangana .....

b. inka yange nyikama igaramye .....

13. kosora izi nteruro aho biri ngombwa /Amanota 3

A, Iyi ngobyi irashaje muyijugunye mugure indi

.....

B, Mpereza iryo buye mpondeshe uru rusyo n'umushishi nduhanaguze

.....

14.a, insigamigani ni iki ?/Amanota 3

.....
.....
.....
.....

b, Tanga ingero 2 z'insigamigani waba uzi

……
……
……

15. IGICE CYA KANE: **IHIMBAMWANDIKO** /Amanota 10

Andika umwandiko utari munsi y'imirongo cumi n'itanu ku kurwanya isuri ugaragaze ingingo eshatu zishyigikira ibitekerezo byawe

……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……
……

AMAHIRWE MASA !!